IKINYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE N^{o} 29, KIGENEWE

ABAHINZI- BOROZI IGICE CYA KABIRI UKWAKIRA (11- 20), 2020

Cyasohotse ku itariki ya 22 Ukwakira 2020

Incamake

Mu minsi icumi y'igice cya kabiri, Ukwakira 2020 kuva tariki ya 11 kugeza tariki ya 20, byagaragaye ko isangano ry'imiyaga rikiri mu karere u Rwanda ruherereyemo, ibi byatumye imvura iboneka ahenshi mu gihugu. Imvura iri munsi y'ikigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa yapimwe ahenshi mu Ntara y'Iburengerazuba, Amajyepfo ndetse n'Umujyi wa Kigali, imvura iri mu kigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa yapimwe mu ntara y'Iburasirazuba naho imvura iri hejuru ikigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa yapimwe mu Ntara y'Amajyaruguru. Igiteranyo cy'imvura nyinshi yapimwe mu Ntara y'Amajyaruguru ku bupimiro bwa Gicumbi aho hapimwe milimetero 118.8 mu minsi umunani, ku kibuga cy'indege cya Musanze hapimwe milimetero 115.9 mu minsi umunani naho ku bupimiro bwa Kamembe mu Ntara y'Iburengerazuba hapimwe milimetero 90.9 mu minsi umunani. Ahapimwe imvura nke iri munsi ya milimetero 20 ni mu Ntara y'Amajyepfo ku bupimiro bwa Nyamagabe no mu mujyi wa Kigali ku bupimiro bwo ku kibuga mpuzamahanga cy'indege cya Kanombe.

Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe mu gice cya kabiri cy'Ukwakira, aho igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyusi (°C) 21.4 muri Gicumbi ndetse na dogere Selisiyusi 30.7 muri Rusizi ku bupimiro bwa Bugarama naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya 11.8°C muri Musanze ku bupimiro bwa Busogo na 19.1°C ku bupimiro bwa Bugarama. Ubuhehere n'ubushyuhe bw'ubutaka twagize muri iki gice byari byiza kandi bihagije kugirango imbuto z'ibihingwa bitandukanye zimere.

1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ukwakira 2020.

1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ukwakira 2020. Muri iki gice imvura yapimwe yari iri mu kigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa ahenshi mu gihugu uretse mu Ntara y'Amajyaruguru habonetse imvura iri hejuru y'impuzanego y'imvura isanzwe ihagwa. Igiteranyo cy'imvura ingana na milimetero 118.8 yapimwe ku bupimiro bwa Gicumbi mu minsi umunani ikaba ari nayo yari nyinshi, naho iyabaye nke cyane yari munsi ya milimetero 20, ikaba yarabonetse ku bupimiro bwa Nyamagabe no ku kibuga cy'indege mpuzamahanga cya Kigali.



Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura yaguye mu gice cya kabiri cy'Ukwakira 2020

1.2 Impuzandengo y'imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ukwakira

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirekire, ikarita ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ukwakira. Ubusanzwe iki gice kigusha imvura iri hagati ya milimetero 28.5 na milimetero 63; bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, imvura yabaye nyinshi mu bice bimwe na bimwe by'igihugu cyane cyane mu ntara y'Amajyaruguru.



Ikarita ya 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya kabiri cy'ukwezi kw' Ukwakira

1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya kabiri mu kwezi kw'Ukwakira 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni uwapimweho byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi.

Muri iki gice nibura ahantu henshi hagushije imvura hagati y'iminsi ine n'iminsi umunani uretse ku bupimiro bwa Gitega imvura yaguye mu minsi itatu no ku bupimiro bwa Nyagatare imvura yaguye mu minisi ibiri gusa. Igice cy'Intara y'Amajyaruguru ndetse n'Uburengerazuba niho habonetse iminsi myinshi imvura yaguyemo ariko muri rusange iminsi imvura yabonetsemo yari ihagije mugihugu hose.



Ikarita ya 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo

1.4 Ubuhehere bw'Ubutaka

Aha turagaragaza muri rusange uko ubuhehere bw'ubutaka bwari bumeze. Ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ukwakira 2020 bwari mu kigereranyo gisanzwe bitewe n'ibihe by'imvura ndetse n'ibicu byiganje byaranze iyi minsi. Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buzakomeza kwiyongera mu gice cya gatatu cy'Ukwakira bitewe n'uko ibihe by'imvura biteganyijwe kwiyongera.

2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru

Ikarita ya 4 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe dupima, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo cy'impuzandengo y'igihe kirekire; mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Iburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi. Mu Ntara y'Amajyaruguru, iy'Amajyepfo n'igice kinini cy'Intara y'Iburengerazuba akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi mu gihugu. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 21.4 na 27.0 ahenshi mu gihugu; uretse ku bupimiro bwa Nyagatare bapimye dogere selisiyusi 28.1 no ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane hapimwe dogere selisiyusi 30.7.



Ikarita ya 4: Ubushyuhe bwo hejuru

2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatanu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya dogere Selisiyusi 11.8^0C (Busogo) na dogere Selisiyusi 19.1^0C ku bupimiro bwa Bugarama. Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha ahandi mu gihugu.



Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hasi

3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya gatatu cy'Ukwakira (tariki 21-31) 2020

3.1 Ikirere giteganyijwe

Mu gice cya gatatu cy'ukwezi (hagati y'itariki ya 21 n'iya 31) k'Ukwakira 2020 mu Rwanda hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 150. Imvura iri hagati ya milimetero 40 na 80 iteganyijwe mu Ntara y'Iburasirazuba ariko hari ibice bimwe na bimwe by'Uturere twa Kirehe, Gatsibo, Kayonza na Nyagatare hashobora kuboneka imvura iri munsi ya milimetero 40. Imvura iri hagati ya milimetero 60 na 80 iteganyijwe mu Mujyi wa Kigali mu gihe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 120 iteganyijwe mu Ntara y'Amajyepfo. Ishyamba rya Nyungwe n'inkengero zaryo mu turere twa Nyaruguru na Nyamagabe hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 120 na 150. Imvura iri hagati ya milimetero 80 na 150 iteganyijwe mu Ntara y'Iburengerazuba naho imvura iri hagati ya milimetero 60 na 120 iteganyijwe mu Ntara y'Amajyaruguru.

Icyoko cy'iyi mvura iteganyijwe ni umwuka uhehereye uziyongera mu karere u Rwanda ruherereyemo uturutse ku isangano ry'imiyaga. Iminsi iteganyijweho imvura iri hagati y'itatu n'umunani. Imvura iteganyijwe hagati y'itariki ya 21 n'iya 31 Ukwakira 2020 iri hejuru y'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa muri icyo gihe.



Ikarita ya 6: Iteganyagihe ry'imvura mu gice cya gatatu cy'Ukwakira 2020.

3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Inzego z'ubuhinzi ziragirwa inama yo kwihutisha imirimo yo gutegura imirima, kwihutisha kugeza inyongeramusaruro ku bahinzi, guterera ku gihe no gutegura ibikoresho byifashishwa mu mirimo yo kuhira cyane cyane mu bice bikunze kugira imvura idahagije ndetse no kwita ku mihingire ibika amazi mu butaka. Muri iki gice cya gatatu imirimo izibandwaho cyane ni iyo kwita imbuto zamaze kumera. Abahinzi barashishikarizwa gukomeza kugisha inama abashinzwe ubuhinzi babegereye mu gukomeza gutegura neza imirimo ijyanye n'ubuhinzi. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.